



Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri ya Siporo

AMABWIRIZA AREBANA NO GUSUBUKURA IBIKORWA BYO KOGA (SWIMMING)

Hashingiwe ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 27 Ugushyingo 2020 yemeza ko imyitoto ngororamubiri ikorerwa mu nyubako z'imyidagaduro (gyms) no kogerera muri pisine (swimming pool) bizasubukurwa hubahirizwa ingamba zo kwirinda COVID-19;

Minisiteri ya Siporo itangaje amabwiriza agomba kubahirizwa hasubukurwa ibikorwa byo koga muri za pisine (*swimming pools*).

Amabwiriza kuri ba nyiri pisine

1. Kumanika amatangazo yerekana amasaha pisine iba yemerewe gukoreshwa;
2. Kumanika amatangazo yerekana amabwiriza yubahirizwa mu kwirinda kwandura no kukumira ubwandu bwa COVID-19 ku bagana aho bogera (pisine);
3. Kugaragaza ingengabihe y'iminsi n'amasaha pisine yemerewe gukoreshwa;
4. Kugaragaza umubare ntarengwa w'abemerewe kogerera muri pisine no kugaragaza uburyo bwo kugenzura ko byubahirizwa;
5. Kugaragaza uburyo pisine ikorerwa isuku hakoreshejwe imiti yabugenewe ya chlorine na bromine n'uburyo amazi ahindurwa kandi bikubahirizwa kugira ngo abagana pisine bizere ubuziranenge bw'amazi;
6. Gupima amazi ya pisine buri muni mbere na nyuma y'uko ikoreshwa
7. Guteganya ahakarabirwa hanze mbere yo kwinjira muri piscine (*outdoor showers*)
8. Kugaragaza inzira abagana urwogero banyuramo binjira cyangwa basohoka ahabera imikino yo koga mu buryo bwubahirije guhana intera.
9. Guteganya uburyo abagana za pisine babanza gusaba gahunda bifashishije uburyo bw'ikoranabuhanga (*electronic/online bookings*) bugaragaza umunsi n'isaha bashaka kuziraho kandi kwishyura kose kugakorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga (*e-payment*);
10. Gushyiraho uburyo abagana pisine bahana ibyiciro (*sessions*) hifashishijwe uko hasabwe gahunda mu buryo bw'ikoranabuhanga; kandi buri cyiciro ntikirenze amasaha abiri (2)
11. Gupima umuriro abagana ubwogero bose no gushyiraho abakozi bakurikirana iyubahirizwa ry'amabwiriza yo kurwanya no kwirinda COVID-19;
12. Gutegura uburyo bw'imikoreshereze y'urwambariro ku buryo abarukoresha bubahiriza guhana intera, guhana umwanya kugira ngo hakorerwe isuku hakurikijwe abahawe gahunda n'uburyo zikurikirana.

13. Gushyira ibimenyetso bigaragaza intera ya metero byibura 2 hagati y'umuntu n'undi aho bicara, baryama, baruhukira bavuye cyangwa benda kwinjira mu mazi;
14. Guteganya uburyo bwo gutunganya no gusubukura ibikoresho byifashishwa mu gihe cyo kwigisha koga cyangwa gucunga umutekano w'abari koga no kubigaragariza mu buryo bw'amatangazo y'ibyapa abaje bagana pisine.

Amabwiriza areba abogera muri za pisine

1. Kubahiriza intera ya metero 2,5 hagati y'aboga no hagati y'abaje ku bwogero
2. Abaje kuri pisine bose batari mu mazi boga bagomba kwambara neza agapfukamunwa (usibye igihe bari mu mazi);
3. Gutoza mu mazi ntibyemewe;
4. Buri wese asabwa kwitwaza umuti usukura intoki we bwite akawukoresha igihe cyose bibaye ngombwa;
5. Umuntu ugaragaza ibimenyetso birimo umuriro, inkorora, umutwe, ibicurane ntiyemerewe kuza kuri pisine no kuyogeramo.
6. Abagana za pisine ziri muri hoteli bacumbitsemo (*swimming pools access for tenants in hotels*) bemerewe koga igihe cyose ubuyobozi bw'aho bacumbitse bubibemerera bubahiriza amabwiriza yo kwirinda COVID-19.

Amabwiriza areba abakozi bakora ahari za pisine

1. Abakozi bashinzwe kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza yo kwirinda no kurwanya ikwirakwira rya COVID-19 bagomba kuba barabihuguriwe kandi bakaba ari umubare uhagije;
2. Umukozi ushinzwe gupima umuriro abinjira bagana kuri pisine ntiyemerewe kubangikanya inshingano mu rwego rwo kwirinda kurangara;
3. Abakozi bashinzwe isuku bagomba kugenerwa n'abakoresha babo ibyangombwa bibarinda mu gihe bakira abaje kuri pisine no mu gihe bakora isuku muri pisine no mu nkengero zaho (*agapfukamunwa, ikirahuri gikingira mu maso, udupfukantoki tujugunywa, udutambaro two guhanagura ibikoresho duhita dusukurwa mbere yo kongera kudukoresha,...*).

N.B: Koga mu byanya by'amazi bigari (*ibiyaga, ibyuzi, imigezi*) ntibyemewe keretse ku makipe yabigize umwuga mu gihe cyo gukora imyitozo yabanje kandi kubisabira uruhushya no kubuhabwa.

- Amarushanwa yo koga asabirwa uruhushya kuri Minisiteri ya Siporo binyujijwe mu Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Umukino wo Koga (RSF);
- Inzu zubatsemo pisine kandi zakira abantu mu buryo bw'ubucuruzi cyangwa bw'imyidagaduro na siporo zizajya zigeza ubusabe bwanditse kuri Minisitiri wa Siporo na kopi kuri CEO/RDB, busaba uburenganzira bwo gusubukura ibikorwa, hakorwe igenzura rizajya rishingirwaho hatangwa igisubizo.

Bikorewe i Kigali, ku wa 01/12/2020

MUNYANGAJU Aurore Mimosa
Minisitiri wa Siporo